IHURIRO RY'URUBYIRUKO MURI DIYOSEZI YA NYUNDO : AKARERE K'UBUTUMWA KA GISENYI (Zone Pastorale GISENYI)

INTANGIRIRO

Fratri. J. de la Croix NIZEYIMANA

Ihuriro ry'urubyiruko (FORUM), ni igikorwa kimaze kumenyerwa muri Kiliziya gatolika ku isi hose ndetse no ku rwego rw'ibihugu by'umwihariko. Mu gihugu cyacu naho bimaze kuba umuco. Kuko buri mwaka iri huriro riraba, muri Diyosezi yatoranyijwe. Mu rwego rwo kwitegura ihuriro ry'urubyiruko ku rwego rw'igihugu rizabere muri Diyosezi ya Nyundo mu myaka iri imbere, Abapadiri bashinzwe urubyiruko muri iyi Diyosezi, by'umwihariko abo mu karere k'ubutumwa ka Gisenyi (Zone Pastorale Gisenyi) ; bagiye inama y'uko bategura Forum y'urubyiruko ku rwego rwa Zone, kubera impamvu navuze haruguru. Atari n'ibyo gusa, ni n'umwanya urubyiruko ruba rubonye ngo ruhabwe impanuro ku buryo bunyuranye. Haba mw'iyobokamana, mu mibanire n'abandi, mu buryo bwo gutera imbere ndetse no gusabana hagati yabo. Ni ku nshuro ya mbere ihuriro ry'urubyiruko ribaye muri Diyosezi ya NYUNDO ku rwego rwa Zone. Ryabereye muri Paruwasi Stella Maris/GISENYI ; kuva kuwa gatatu, tariki ya 6 kugeza ku cyumweru, tariki ya 10 gicurasi 2015. Ryari rifite umurongo shingiro ugira uti : « ***Hahirwa abakeye ku mutima kuko bazabona Imana (Mt5, 8) ».*** Niwo murongo Papa yifuje ko urubyiruko rwagenderaho muri uyu mwaka.

Iri huriro, ryahuje urubyiruko n'abantu b'ingeri zinyuranye, mu ma paruwasi agize akarere k'ubutumwa ka Gisenyi kuko hari n'abaturutse mu karere k'ubutumwa ka Kibuye. Hitabiriye kandi n'urubyiruko rwaturutse muri Diyosezi ya Goma mu gihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo; bose bari baherekejwe n'abapadiri ndetse n'abihayimana. Bari bageze ku 1000. Tugiye kurebera hamwe uko iryo huriro (Forum) ryagenze uko iminsi yagiye ikurikirana: ubutumwa bwatanzwe mu biganiro, mu gitambo cya misa mu myidagaduro ndetse no mu myitwarire y'abitabiriye iri huriro.

1. KUWA GATATU, TARIKI YA 06 GICURASI 2015

Urubyiruko rwakirwa kuri Paruwasi Stella Mari/GISENYI

Kuwa gatatu saa cyenda nibwo byari biteganyijwe ko abitabiriye Forum bagera kuri Paruwasi Stella Maris/GISENYI kugira ngo bakirwe n'abagombaga kubacumbikira. Buri Paruwasi mu zigize akarere k'ubutumwa ka Gisenyi, yari yemerewe kuzana urubyiruko bangana n'abantu 50, ariko hari ababarengeje kubera ko hari na Paruwasi zazanye abatageze kuri uwo mubare. Uretse izo Paruwasi hatumiwe n'urubyiruko rwa Diyosezi ya Goma muri CONGO ; nabo bohereje 50 n'umupadiri n'umudiyakoni, tutibagiwe kandi abari bahagarariye akarere k'ubutumwa ka Kibuye. Aba bose bacumbikiwe mu miryango

iri muri Paruwasi ya Gisenyi ndetse n'iya Muhato.

Bahageze, imiryango yaje kubakirana ibyishimo. Urubyiruko rwari ruteganyijwe ntibabashije kuza bose, ku buryo hari n'abaje basimbuye abari bateganyijwe kwitabira mbere. Ibyo byatumye imiryango yari yabahisemo itababona ariko babonye abandi bacumbikira. Gusa byarangiye buri muntu mu rubyiruko abonye aho acumbikirwa, bikaba byarahise bimara impungenge abateguye iyi Forum. Uyu munsi rero waranzwe no kwakira urubyiruko mu miryango bagombaga gucumbikamo.

2. KUWA KANE, TARIKI YA 07 GICURASI 2015

Uyu munsi wo kuwa kane waranzwe n'ibintu bitatu by'ingenzi: Misa yo gufungura Forum (ihuriro ry'urubyiruko), ibiganiro ndetse no kwidagadura.

2.1. Misa yo gufungura Forum

Misa yo gufungura Forum, yasomwe na Musenyeri J.M.Vianney NSENGUMUREMYI, Igisonga cy'Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo. Mu nyigisho yatanze, yatangiye yibutsa Urubyiruko icyo Papa yabwiye urubyiruko aho yari yagiye gusura Paruwasi Ostie (Au sud de Rome)

Mgr. J.M.Vianney NSENGUMUREMYI atanga inyigisho

Papa yagize ati:

- Ndabasaba guhora mukeye, museka, biturutse mu mutima ukeye.
- Mu buzima mujye mutinda ku ruhande rwiza rwiza, aho kujya muri biracitse, ndabigenza nte... muhe agaciro ibyiza musanga mu buzima bwanyu Imana yabahaye.
- Mumenye ko amahoro n'ibyo byishimo tubikesha Roho w'Imana.

Agarutse ku ivanjiri, yavuze ko Kuba dukunzwe na Yezu byagombye kutubera isoko y'ibyishimo. Yezu aradukunda nkuko se amukunda; kugira ngo tubigereho ni uko twakurikiza amategeko ye abumbiye mu ry'ukundo.

Mu isomo rya mbere, ati: turabona mo ko Imana itatugora mu kuyikundira, Singombwa gukurikiza imihango n'imico karande, ahubwo ni ukwitwara bihuje n'uko Imana idusaba. Muri Kiliziya hari byinshi tuyobokeramo Imana (amasakaramentu...) ati kandi, amahirwe y'abemera ni ukumva y'uko tuyobowe na Kristu abinyujije k'ubuyobozi bwa Kiliziya. Yanenze urubyiruko ko rushishikarira kwigana ibintu byose rutabanje gushishoza (inyigisho, imyambarire …) ahubwo ati: turebere kuri Kristu wenyine aho kwirukira ayo manjwe. Niwe uzaduha amahoro n'ibyishimo bisendereye.

Igitambo cya misa cyarakomeje nk'uko bisazwe, mbere y'uko gihumuza, Musenyeri mw'izina ry'umwepiskopi *yatangaje ko afunguye ku mugaragaro ihuriro ry'urubyiruko.* Iri huriro twavuze iryo ari ryo haruguru.

2.2. Ibiganiro

Kuri uyu munsi hatanzwe ibiganiro bitatu:

- Ikiganiro cya mbere **: “ *Hahirwa abakeye ku mutima kuko bazabona Imana” (Mt 5,8)***

Icyo kiganiro cyatanzwe na Padiri Philbert KAYIRANGA, Omoniye w’urubyiruko muri Diyosezi ya Nyundo, mu karere k’ubutumwa ka Kibuye ; akaba ari nawe ukuriye Commission ya Diyosezi ishinzwe urubyiruko.

Aragira ati : *“Hahirwa abakeye ku mutima kuko bazabona Imana”,* ni imwe mu ntego nterahirwe umunani (8) twahawe nk’urubyiruko akaba ariyo ntego nterahirwe dufite muri uy’umwaka tukaba tuyisanga mu ivanjiri ya *Matayo 5,8* Padiri arashishikariza Urubyiruko kuyikomeraho kuko ari bo mbaraga za Kiliziya yejo hazaza.

- Ikiganiro cya kabiri : *« **Bibiliya intwaro y’umukristu muri iki gihe »***

Iki Kiganiro cyatanzwe n’intumwa y’Umuryango wa bibiliya mu Rwanda, **Pasiteri KAYIJUKA Emmanuel** ashishikariza urubyiruko gutunga Bibiliya kuko ari ingabo y’umutaneshwa no kwiga Bibiliya kuko ariyo shingiro rituma umuntu abana neza n’abandi.

Pasteur Emmanuel KAYIJUKA

yagaragaje ihuriro ry’Abaporotesitanti n’Abagatolika, Bose bemera Bibiliya, Bose bemera Imana na RohoMutagatifu
Bose bakemera nanone Ubutatu Butagatifu
Ese ni ikihe gitabo gihenze? Igitabo gihenze ntakindi uretse BIBILIYA.
Yashoje ashimimira ubuyobozi bwa Diyosezi ya Nyundo ashimira nabita k’urubyiruko rwa kiliziya yejo hazaza.

- Ikiganiro cya gatatu : « **“ Bikira Mariya Umubyeyi w’Abakene”** cyatanzwe na Padiri PhilbertKAYIRANGA

Yibukije ko Bikira Mariya ari umubyeyi wacu, yashishikarije urubyiruko kuvuga cyane ishapule no kumwiyambaza mu buzima bwacu. Yanabwiye kandi urubyiruko, amateka y’Umubyeyi wacu mu mabonekerwa yabaye.

Nk’uko nabivuze haruguru, nimugoroba hakurikiyeho umwanya wo kwidagadura mu mbyino no mu ndirimbo. Urubyiruko rwakanyujijeho, n’abahanzi ntibahatanzwe, (twavuga nka Padiri Vincent HABIHIRWE) ndetse n’abapadiri barabyinnye karahava. Ibyo byashimishije urubyiruko bitavugwa dore ko banasanzwe bakunda ibishyushye. Icyo gitaramo cyarangiye buri wese ajya aho acumbikiwe.

3. KUWA GATANU, TARIKI YA 8 GICURASI 2015

Uyu munsi nawo waranzwe n’ibintu bitatu : Igitambo cya Misa, Ibiganiro n’umupira w’amaguru.

3.1. Misa ntagatifu

Igitambo cy’Ukaristiya ni cyo cyabimburiye uyu munsi. Ni Misa yayobowe na Padiri Innocent TUYISENGE, Omoniye w’urubyiruko muri Diyosezi ya Nyundo, Akarere k’ubutumwa ka Gisenyi. Mu nyigisho ye yatangiye ashimira Imana ko Forum irimo igenda neza.

Ahereye ku masomo, mu gitabo cy'ibyakozwe n'intumawa aragira ati: Igisubizo cy'Inama y'abayobozi ba kiliziya ku kibazo cyari cyavutse, ni ikivuga ko ubukristu butabereyeho kubera umuzigo abandi; icy'ingenzi si ugushyira mu bukristu imigenzo gakondo ahubwo niba mwemeye kwakira Kristu ntimuzamubangikanye n'ibigirwamana, ntihakagire ubukozi bw'ibibi bibaranga ntihakagire ubashyiraho indi mizigo.

Natwe urubyiruko, ubukristu bujye butubera isoko y'ibyishimo. n'ubwo kuba umukristu nyawe bigoye, nitwemerera Kristu azadutura imizigo yose itubuza kuba abakristu nyabo.

Ivanjili yo itwereka ko igikomeye ni ukugira urukundo. Ariko si rwa rundi rw'iki gihe mu rubyiruko, aho usanga babyitiranya no kwishimisha cyane cyane mu busambanyi. Urukundo nyarwo ni urwo kwitangira abandi, cyane cyane abaciye bugufi, abanyantegenke n'abababaye. Nta kwishimisha ku mukobwa cyanga umuhungu ngo urimo kubahiriza itegeko ry'urukundo witwaje ngo Imana irabidutegeka. Yezu niwe waduhaye urugero rw'urukundo. Icyo Imana izatubaza, ni ineza twagiriye uciye bugufi. Dusabe Imana kugira ngo tubashe kwishimira ko turi incuti za Yezu aho kuba abagaragu. Twe turi bato turacyafite igihe kirekire cyo kurushaho gusenga, dukundana, dukunda kandi abandi. Ubigeraho iyo wirekuriye Roho Mutagatifu. Tubisabirane.

3.2. Ibiganiro:

Ibiganiro byatanzwe kuri uyu munsi ni bitatu :

- **Ikiganiro cya mbere: "***Kwizigama nk'uburyo bwo kwiteza imbere.* Cyatanwe na *Epimaque (agent bancaire)*

Yagize ati: Icyo twita iterambere mu bukungu ni ukwiyongera kw'ibintu ufite haba mu mafaranga cyangwa mu bintu, no gushora amafaranga mu mitungo iramba. Urugero *amazu*, *ubutaka*; imitungo iramba buhoro,urugero *amatungo*. Yagiriye urubyiruko inama yo guteganya cyangwa gutunga mbere yo gushinga urugo. Nanone yongeyeho ko gutera imbere bigora kandi bisaba kwihangana kuko biza buhoro buhoro.

Mr. Epimaque

Aho iterambere rigaragarira:
Mu mitekerereze no mu myumvire, mu bukungu, mu mibereho
Kumenya kubana neza n'abandi. Iterambere si ugutunga ibintu gusa ahubwo iterambere ni irisangiwe n'abandi. Abantu twemera ko dutunze cyangwa dufite ar'uko twigereranyije n'abandi, ibyo sibyo bigomba kuranga abakirisitu.

Yatanze umwanzuro ugaragaza ko ubukungu bwa mbere ari mu mutwe ikirenzeho, ubukungu nibwo bushyiraho imibereho.

Ikiganiro cya 2: *"Kurwanya icuruzwa ry'abana"* Cyatanzwe na **UMUTANGUHA Hilarie,** umukozi muri komisiyo y'uburenganzira bwa muntu.
Yatangiye atubwira icyo komisiyo y'uburenganzira bwa muntu ishinzwe . Yatangiye avuga ko ikibazo gikomeye ari cyo kugurisha abantu baha mu Rwanda ndetse no ku Isi yose. Yavuze ko amasezerano y'iyi komisiyo yatangiwe muri arusha.

Inshingano nyamukuru:
Guteza imbere, kurinda no kurengera uburenganzira bwa muntu. Gukangurira uburenganzira bwa buri muntu. Kureba niba itegeko ritabangamiye uburenganzira bwa muntu.

Iyi komisiyo itanga ibiganiro kandi igakora n'ubushakashatsi ku byerekeye uburenganzira bwa muntu.Uhohotewe iyo atanze ikirego kirimo ibitutsi, ibikabyo cyangwa se ibihuha ntabwo cyakirwa. Nomero ya telefone watangaho amakuru cyangwa wasaba ubufasha gusobanukirwa n'uburenganzira bwa muntu ni *3430*. Yagaragaje amahame y'uburenganzira bwa muntu, ari yo : agaciro ntagereranwa ka muntu no kwishyira ukizana. Gutesha umuntu ako gaciro, uba umwambuye uburenganzira bwe kandi tubuhabwa n'Imana.

Mme UMUTANGUHA

Icuruzwa ry'abantu :
Iyo umuntu afite uburenganzira agira n'inshingano
Ese ni gute babona abantu bagurisha?
Icya mbere babanza kubareshya (babizeza akazi, amafaranga…). Kubacumbikira mu gihugu cyo hanze,
bakakugeza ku wabatumye bakagutanga nk'igicuruzwa.
Ese babamaza iki? Babakoresha ubusambanyi, kuguramo imwe mu ngingo z'umubiri; Imirimo ivunanye (uburetwa)
Impamvu babashuka bakemera:
Ubukene,uburara, ibiza, ivangura,umutekano muke,amashuri,……
Ibintu byoroshya icuruzwa ry'abantu : gutanga amakuru byihuse, uburyo bwo kugenda bworoshye
Ingaruka z'icuruzwa ry'abantu:
Urubyiruko nibo mbaraga z'igihugu (iyo urubyiruko
rwangije umutekano urabura)
Icuruzwa ry'abantu ribuza abantu umutekano (kwibwa ababo).
Uburyo twabyirinda: Gutanga amakuru ku bantu bakekwaho ubwo bucuruzi, Kurwanya ubukene (gukoresha amaboko yacu tugakora).

Ikiganiro cya gatatu: "*Umuryango nk'ishuri rya byose"*.

Cyatanzwe na ***Padiri Eugène URAYENEZA*** afatanyije na ***Madame Pudentienne***

Bagize bati : Urugo ni ishingiro ry'imibereho myiza y'abantu. Ni umuryango kamere aho umugabo n'umugore bahamagarirwa kwitanga mu rukundo no kutanga ubuzima.
Umuryango wa gikristu ni ubumwe bw'abantu, ikimenyetso n'ishusho by'ubumwe bwa Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Inshingano yawo yo kubyara no kurera ni ishusho y'umurimo w'Imana Data wo kurema.
Ugushyingirwa kw'abadahuje imyemerere cyangwa amadini,

Mme Pudentienne na Padiri Eugène batanga ikiganiro

imiryango y'abatandukanye, ikibazo cy'ubuharike, ugushyingiranwa ubona gushingiye ku kwikurikiranira inyungu hamwe n'ikibazo cy'inkwano gikunze kugaragaramo, rimwe na rimwe gishingiye ku giciro runaka kugira ngo umugabo ahabwe umugore, ikibazo cy'abantu banenwa na bagenzi babo bishingiye ku bwoko bwabo, umuco ugenda ukwira ufata gushyingirwa nk'ikintu abantu bafata uko bishakiye no gushyingirwa umuntu yamaze kwishyiramo ko azatandukana n'uwo bashakanye, gukabya mu guharanira uburenganzira bw'abagore ku buryo bibangamira Kiliziya, kwimuka kw'abantu bya hato na hato hamwe, no gushaka guhindura igisobanura cy'icyo umuryango ari cyo, imyumvire inyuranye

igenda ipfobya uko umuryango wagombye kumvikana mu by'ukuri; inkurikizi zituruka ku byo ibitangazamakuru bigenda bikwirakwiza ku bijyanye n'uko abantu bagomba kumva ubukwe n'umuryango; imitekerereze igezweho ishaka ko hashyirwaho amategeko arwanya ihame ry'uko umugabo n'umugore bashyingiranwe bagomba kubana akaramata kandi mu budahemukirana ; ikibazo cy'ukwiyongera kw'abagore batwitira abandi ; ibisobanuro bitari byo bisigaye bihabwa uburenganzira bw'ikiremwa muntu; ariko cyane cyane ku bijyanye na Kiliziya ubwayo. Ibi byose ni ibibazo bigaragara bibangamiye umuryango buri wese agomba gutekerezaho. Sinodi yabereye I Roma yagombaga gusuzuma ikibazo cyo kudohoka no guta ukwemera mu bijyanye no kuba ugushyingirwa ari isakaramentu rwose hamwe n'uko mu isakaramentu rya Penetensiya harimo ububasha budukiza. Urubyiruko rwabajije ibibazo byinshi maze barasobanurirwa. Babwiwe ibyiza by'umuryango ndetse n'ibyo kwiha Imana; buri wese akazahitamo umuhamagaro umunogeye atirengagije ingorane ashobora guhuriramo nazo.

3.3. Siporo

Guhera saa kumi z'umugoroba, urubyiruko rwakinnye umupira w'amaguru. Wari uhuje urubyiruko rwa Paruwasi Stella Maris na Paruwasi Muhato, yifatanyije n'ab'i Goma n'urundi rubyiruko rwari rwiteguye gukina. Umukino warangiye abo ku ruhande rwa Paruwasi ya Muhato batsinze aba Gisenyi igitego kimwe

Umupira w'amaguru

Abasaseridoti n'urubyiruko bidagadura, bacinya akadiho

ku busa (1-0).

Uyu mukino waranzwe n'ishyaka ryinshi ndetse n'ubuvandimwe. Abari hanze y'ikibuga nabo ntibaviriyemo aho, kuko barafannye ari nako baganira uburyo forum yari imeze neza; banahana amakuru y'amaparuwasi baturutsemo. Ibyari biteganyijwe uyu munsi byashojwe bityo. Urubyiruko basubira aho bari bacumbikiwe.

4. KUWA GATANDATU, TARIKI YA 9 GICURASI 2015

Uyu munsi wo wari wihariye, uretse misa isanzwe ya mugitondo yabaye hamwe n'ibiganiro ; uyu munsi waranzwe kandi n'igikorwa gikomeye cy'umuganda. Ntitwibagiwe kandi n'igitaramo cy'imbaturamugabo cyo gusoza Forum cyabaye nimugoroba.

Padiri Bernard BYISHIMO

4.1. Misa Ntagatifu.

Nk'uko nari maze kubivuga, ntabyari bisanzwe. Iyi misa yasomwe na Padiri Bernard BYISHIMO. Ni umupadiri wa Diyosezi ya Goma, wari waherekeje urubyiruko rwa Goma.

Inyigisho ye yayitanze mu Kinyarwanda no mu Giswahili; ni nako ngiye kuyibagezaho.

Somo rya 1: Wakati wa paska, tunakumbuka kila mwisho wa juma nema turizopokea kupitia ubatizo. Aho niho abemera Kristu bose bakuriye; batisimu bahawe ibafasha gutsinda amacakubiri n'ubushyamirane hagati yabo: baba abacatoliques, abaprotestant, aba orthodoxies. Hii inamsukuma Paulo kuongoza safari ya pili ya kitume chake. Kwa mwaliko wa Roho mutakatifu, anaenda wala anapashwa enda Macedonia (Intu. 16,1-10).Pawulo yavuye muri Aziya agenda mu bihugu byari hafi aho abagezaho ibyemezo by'inama y'I Yeruzalemu: Kiliziya yacu ntabwo ariyo kubyuka mu gitondo ugatangira guhimba ibyawe ngo n'ibigezweho, Oya!!!! Ifite aho ikomoka ninaho kandi ibyemezo byayo bituruka ni ukuvuga ku ntumwa, n'uyiyobora aranzwi Roho Mutagatifu, ndiyo Imani yetu. Hainabudi kuregea ijapo misukusuku na matoto mengi : Abayobowe na Roho w'Imana rero, baciye ukubiri na Roho w'iyi si. Umwimerere wabo n'ubuzima bwabo isi ntibwakira kandi ntibwumva!!

Ivanjili: iyo muza kuba ab'isi; isi yari kubakunda!!! No kubemera.

Ninyi si waana wa dunia, nimewaita katika dunia, nimewacaguwa, nimewafanya wangu. "niba hatari icyupfa n'Isi n'uko uri uwayo: ni ukuvuga ko hari icyomupfana!!! Isi ifite ibihendesha bidahuje n'ukwemera kwacu, kugeza aho itwangisha n'umuhamagaro wacu, cyane cyane urubyiruko, ibyo bagenda bigana n'ibyo bumva".

Urugero: umugore mwiza, gupfa utabyaye, umusore…, kubaho nta ncuti y'umukobwa ufite, kwirirwa muhena mu kiliziya aho gushaka ubuzima, amafaranga,…. N'ibindi byinshi. Yego"kwizera ni igiti cy'umwimerere…" Vijana wapenzi, niba uhoraho ari amahoro yawe, komeza inzira watangiye wicika intenge, nkuko uwo isi ikwangirana muri kumwe agufashe akaboko.

4.2. Umuganda

Urubyiruko mu muganda

Ubusanzwe, urubyiruko rugira imbaraga. Umuganda ni kimwe mu bigaragaza ko umuntu azifite mu cyo yakora cyose. Urubyiruko rwitabiriye Forum rwakoze umuganda kuri Paruwasi basiza ahazubakwa Parking, banatunda amabuye yo kuzakoresha. Banakoze kandi aho Akarere kari kateganyije gukora, ari ho ku Cyanika, aha babagaye ibiti. Uyu muganda bawukoranye ubwitange bwinshi, bishimye banashyiramo morali.

4.3. Ibiganiro.

Kuri uyu munsi hatanzwe ibiganiro bibiri :

Icya mbere *"Indangagaciro z'umunyarwanda n'umuco »* Cyatanzwe n'ushinzwe itorero mu karere ka Rubavu

Yatangiye avuga ko indangacaciro ya mbere ni ubunyarwanda. Indangagaciro ya kabiri ni ugukunda igihugu. Yagarutse kandi avuga ko amasengesho, umuganda ; no kwigisha aho dutuye nabyo byerekana ugukunda igihugu. Indangagaciro ya gatatu ni ubunyangamugayo. Yagaragaje ukuntu ubunyangamugayo ari ingirakamaro. Hari n'indangagaciro y'ubwitange ; yatanze urugero rwo gufata umwanzuro wo kujya muri Forum. Yasoje asaba urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge. Anabagira inama yo kunoza umurimo uwo ari wow ose kuko nayo ari indangagaciro ikomeye.

Ikiganiro cya 2 : *« Umusaraba wa Kristu, umurage twasigiwe »*

Iki kiganiro cyatanzwe na **Padiri Léonard MUNYANGAJU** wo muri Diyosezi ya Kabgayi, Omoniye w'urubyiruko ku rwego rw'igihugu. Yibukije urubyiruko ko umusaraba wa Kristu ari umutsindo wacu. Ni wo Yezu yagaragarije urukundo adukunda. Tuwukunde tuwuramye tuzirikana uwawubambyeho.

Uyu munsi washojwe n'igitaramo (kwidagadura), cyabereye kuri Centre Culturel ya Gisenyi, wari umwanya wo kwiyerekana kuri buri Doyenne. Barataramye karahava, nyuma basubira mu miryango ibacumbikiye.

5. KU CYUMWERU, TARIKI YA 10 GICURASI 2015

Ku cyumweru wari umunsi wo gusoza Forum. Igikorwa cy'ingenzi turibandaho ni igitambo cya Misa cyo gusoza Forum cyatuwe n'umwepiskopi wa Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE,s.j. akikijwe n'abasaseridoti baherekeje urubyiruko. Iyi Misa yanitabiriwe n'abashyitsi biganjemo abayobozi mu nzego zinyuranye za Leta. Ntitwakwibagirwa Korali Intama za Yezu, igizwe n'abana n'urubyiruko yafashije cyane urubyiruko mu kwinjira neza mu gitambo cya Misa, mu ndirimbo.

5.1. Inyigisho y'Umwepiskopi

Isomo rya mbere:
Twese turi umuryango umwe w'Imana. Kiliziya ntirobanura, ntiheza, ntireba umupaka. Aho mwaturutse mu ma paruwasi anyuranye n'abaturutse muri Kongo mukaza guhurira hamwe bigaragaza ko nta mupaka wakagombye kuba hagati yacu kuko Kristu yasenye urukuta rutandukanya abantu. Nkatwe , urubyiruko dukeneye ukwemera gushinze imizi. Ntabwo ari ukwemera ko kuvangavanga, nk'abavanga ubukristu no kuraguza kuko hari abakristu bakiboshye. Ahubwo duharanire gushinga imizi mu kwemera nk'intumwa za mbere zakugaragaje zigisha zitarondoye. Rubyiruko, mu bihugu byacu dukeneye ukwemera gushize amanga ko kwamamaza Kristu.

Isomo rya kabiri n'Ivanjili:
Yohani aratubwira urukundo Imana yadukunze itwoherereza Umwana wayo ngo adupfire. Kristu aradusaba kugira urwo rukund yatweretse, ni itegeko Imana yaduhaye. Ntabwo ari rwarundi rukundo turirimba, rw'agahararo: ugasanga ngo ndagukunda, sinabaho ntagufite, ku matelefone mugapfa, mukaganya yabuze; uti: " sinabaho tutari kumwe". Urwo rukundo ntiruramba. Urukundo Imana idusaba ni urwo kwitangira abandi, nk'uko Felisita yabigenje yanga gutandukana n'abari bamuhungiyeho maze apfana nabo . Tuzirikane cyane urukundo Imana yatweretse muri Yezu Kristu.
Musenyeri yashoje abwira urubyiruko ati: " ntimugire ubwoba Imana irabakunda uko mwaba mumeze kose. N'uwaba ari indaya cyangwa yiyahuza ibiyobyabwenge, nawe Imana imufite ku mutima. Ni nk'umubyeyi ufite umwana urwaye, aramukunda akamwitaho agategereza ko akira". Imana iduhe umugisha, Kristu ari kumwe natwe. Twahawe Roho w'ubutwari, uw'urukundo, uw'ubusabaniramana. Tugende tube umusemburo w'urukundo, uw'ukwemera gushinze imizi, tugende twubake Kiliziya, twubake ingo zacu. Amina.

Ubutumwa Umwepiskopi yatanze bukubiye muri iyi nyigisho yatanze ahereye ku masomo ya Misa, anaboneraho gukomeza gushimira abateguye iri huriro; anatangaza ko bishoboka ko Forum yo ku rwego rw'igihugau izabera muri iyi Diyosezi mu myaka iri imbere, bazayakirira muri iyi Paruwasi. Yashoje atyo rero iyi Forum yaberaga ku Gisenyi.

Uwavuze mu mwanya w'ubuyobozi bwa Leta, yashimiye abateguye iri huriro anashimira Diyosezi ya Nyundo by'umwihariko uburyo badahwema gufatanya mu guteza imbere urubyiruko ku mubiri no kuri roho.

UMWANZURO

Iri huriro ry'urubyiruko (Forum) ryagenze neza nk'uko urubyiruko rwaryitabiriye babitangaje; n'ubwo hatabuze ibibazo bimwe na bimwe: hari ibijyanye no kwakira urubyiruko byatewe n'uko hari abari kwitabira ntibaza, hari abagiye barwara (ariko baravuwe barakira), hari n'igihe kitagiye cyubahirizwa rimwe na rimwe mu biganiro no mw'iboneka ry'amafunguro. Ibi byose ariko ntibyaciye urubyiruko intege kuko ibyiza nibyo byinshi dore ko ari na bwo bwambere iri huriro ribaye kuri uru rwego. Muri rusange iyi Forum yabaye umwanya mwiza w'urubyiruko mu kwigishwa, mu guhabwa impanuro zinyuranye, mu biganiro bahawe, mu nyigisho zo mu gitambo cya Misa no mu mwidagaduro. Wanababereye umwanya wo kwitekerezaho bareba ubuzima bwabo buri imbere aho bugana; cyane cyane mu nshingano bazagira haba mu gushinga ingo ndetse no kwiha Imana, tutibagiwe ubundi buryo buri wese yahitamo bwo kubaho aharanira gukora icyo Imana imusaba.

Iyi Forum, ku rundi ruhande ibereye isomo n'ubunararibonye ku abayiteguye n'abayitabiriye. Yarangiye nabo bishimye kuko uko yarangiye si ko babitekerezaga cyane cyane ku byerekeye ubushobozi bw'amafaranga babonaga ntabwo. Ariko urubyiruko rwa Gisenyi bafatanyije n'abapadiri bari baherekeje urubyiruko, iyi Forum bayigize iyabo, buri wese ashyiramo imbaraga ze zishoboka. Uko iminsi yagendaga yicuma ni ko byarushagaho kuba byiza, abari baturutse ahandi (cyane cyane abo muri Congo), bifuzaga kuhigumira. Ntitwakwibagirwa by'umwihariko gushimira imiryango yakiriye urubyiruko, kuko babafashe nk'abana babo; birumvikana bagiranye igihango gikomeye. Burya icya mbere cyari ukubona aho bacumbika. Turemeza ko na Forum ku rwego rw'igihugu, uko urubyiruko rwaba rungana kose ntirwabura aho rucumbika. Iyi miryango yagaragaje urukundo rukomeye. Si ugucumbikira urubyiruko gusa ahubwo banatanze izindi nkunga zinyuranye, haba amafaranga ndetse n'ibiribwa.

Reka nsoze, dushimira na none abapadiri bagize Zone Pastorale ya Gisenyi ku nkunga bateye iyi Forum. Turazirikana cyane Doyenné ya Nyundo; niho iyi Forum yabereye; ni ukuri bayigize iyabo ku buryo ikibazo cy'amafaramga cyahise kiba amateka; ku buryo n'abashyitsi batumiwe barakiriwe nta kibazo. Reka dushimire noneho by'umwihariko Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo; iyo atavuga ngo ndabyemeye ntabwo iyi Forum yari kuba byari kuguma mu bitekerezo gusa. Ni nawe wayisoje, kandi mu kuyitangiza yohereza Igisonga cye Musenyeri J.M.Vianney NSENGUMUREMYI; kubera ko afite ku mutima urubyiruko by'umwihariko. Byose rero tubishimire Imana, kandi ikomeze irinde abana bayo.

Fratri Jean de la Croix NIZEYIMANA